## INYANDIKO NGUFI Y’AMABWIRIZA KU ITANGWA RY’INYANDIKO MURI IRMCT

### 1. Ibisobanuro rusange

Uburyo bukurikizwa kugira ngo inyandiko zatanzwe zishyirwe mu nyandiko zerekeranye n’imanza muri IRMCT bugenwa n’Amabwiriza Ngengamikorere ku itangwa ry’inyandiko mu Rwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y’Insigarira y’Inkiko Mpanabyaha, IRMCT/7/Ihindurwa rya 3 (“Amabwiriza Ngengamikorere”). Reba uburyo bwemewe bwo gutanga inyandiko muri ayo Mabwiriza Ngengamikorere harimo n’amakuru yerekeranye n’ikoreshwa ry’inyuguti n’imibare biheruka kuri nomero y’urubanza. Uramutse ukeneye ibisobanuro by’inyongera, washyikirana n’Ibiro bya Gerefiye ku Ishami rya IRMCT bireba wohereza ubutumwa kuri imeyiri yashyiriweho kwakira no gutanga inyandiko zerekeranye n’imanza ku Ishami bireba:

Imeyiri y’Ishami rya Arusha:
JudicialFilingsArusha@un.org
Imeyiri y’Ishami ry’i Lahe:
JudicialFilingsHague@un.org

### 2. Itangwa ry’inyandiko:

A) Inyandiko itanzwe kugira ngo ishyirwe mu nyandiko zerekeranye n’imanza muri IRMCT (“Inyandiko”) igomba koherezwa Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT mu buryo bwa eregitoroniki hakoreshejwe imeyiri zavuzwe haruguru zashyiriweho kwakira inyandiko zirebana n’imanza. Iyo hari impamvu zidasanzwe, hashobora gutangwa inyandiko icapye ku mpapuro.

B) Inyandiko zishyikirijwe IRMCT zigomba kuba ziherekejwe n’ifishi yabigenewe igaragaza ko inyandiko itanzwe. Iyo fishi iboneka ku rubuga rwa interinete rukurikira: https://www.irmct.org/en/basic-documents/requests-assistance.

C) Inyandiko itangwa muri rumwe mu ndimi zikoreshwa muri IRMCT (Icyongereza cyangwa igifaransa) cyangwa, bibaye ngombwa, mu rundi rurimi; ariko iyo nyandiko ikomekwaho inyandiko isemuye muri rumwe mu ndimi zikoreshwa muri IRMCT.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

D) Inyandiko itanzwe igomba kuba igaragaza neza nomero y'urubanza, urwego rw'umutekano irimo, itariki n'umukono.

E) Imigereka yometse ku nyandiko itangwa mu buryo bukurikira:

- Iyo inyandiko n'umugereka wayo cyangwa imigereka yayo biri mu rwego rw'umutekano rumwe (ni ukuvuga iyo inyandiko n'umugereka wayo cyangwa imigereka yayo byose atari ibanga, byose ari ibanga, cyangwa byose ari ibanga kandi hari abo bitagomba kumenyeshwa), byoherezwa mu buryo bwa eregitoroniki nka dosiye imwe.
- Iyo inyandiko zifite umugereka cyangwa imigereka biri mu rwego rw'umutekano rutandukanye n'urw'inyandiko y'ingenzi (nk'urugero, iyo hari inyandiko y'ingenzi itari ibanga ariko ifite umugereka A w'ibanga n'umugereka B w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa), buri nyandiko igomba koherezwa mu buryo bwa eregitoroniki nka dosiye yihariye kandi hakagaragazwa urwego rw'umutekano irimo.
- Buri mugereka ugomba kugira urupapuro rubanziriza izindi rugaragaza ko ari uwo mugereka nyirizina (Umugereka A, Umugereka B, Umugereka C, ...) kandi rukanagaragaza urwego rw'umutekano rukwiye uwo mugereka urimo.
- Iyo inyandiko ari nini cyane ku buryo zitakoherezwa nk'imigereka kuri imeyiri (zigomba kuba zitarengeje 10 MB kuri imeyiri z'Umuryango w'Abibumbye), ushyikirana n'Ibiro bya Gerefiye ku Ishami rya IRMCT bireba kuri imeyiri yatanzwe haruguru kugira ngo bakumenyeshe uburyo bwiza bukwiye wakoresha mu kohereza izo nyandiko.

F) Uburyo bwo gutanga inyandiko zireba imanza ebyiri cyangwa zirenze

- Iyo inyandiko igomba gutangwa yerekeranye n'imanza ebyiri cyangwa zirenze, uyitanze yandika nomero z'izo manza ku ifishi iherekeza inyandiko zitanzwe no ku rupapuro rubanza rw'iyo nyandiko. ICYITONDERWA: Ibiro bya Gerefiye bishyira iyo

nyandiko muri dosiye ya buri rubanza rwanditse ku rupapuro rubanziriza izindi rw'iyo nyandiko itanzwe kandi rwavuzwe mu rupapuro rwerekana ko inyandiko itanzwe. Iyo nyandiko yakirwa kandi igashyirwaho nomero z'amapaje muri buri dosiye ya buri rubanza ukwarwo hakurikijwe uko Amabwiriza Ngengamikorere abiteganya.

**3. Gushyikiriza inyandiko abo zigenewe:**

Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT byohererereza, mu buryo bwa eregitoronike, kopi z'inyandiko zose zatanzwe Urugereko, ababuranyi, n'izindi mpande zagenwe bireba. Ibi bikorwa hazirikanwa ibintu byose bibujijwe byerekeranye n'inyandiko zitanzwe nk'ibanga na/cyangwa zitanzwe nk'ibanga kandi hari abo zitagomba kumenyeshwa.

**4. Amasaha yemewe yo gutangiraho inyandiko** (hagendewe ku masaha y'aho buri shami rya IRIRMCT riherereye):

A) Amasaha yemewe yo gutangiraho inyandiko ku Biro bya Gerefiye wa IRMCT biri i Lahe ni kuva saa tatu za mu gitondo kugera saa kumi z'igicamunsi, kuva ku wa Mbere kugera ku wa Gatanu, usibye ku minsi yemewe y'ikiruhuko yubahirizwa n'Umuryango w'Abibumbye i Lahe. Inyandiko zishobora koherezwa hifashishijwe imeyiri ku isaha iyo ari yo yose no ku minsi yose.

B) Amasaha yemewe yo gutangiraho inyandiko ku Biro bya Gerefiye wa IRMCT biri Arusha ni kuva saa mbiri n'igice za mu gitondo kugera saa kumi n'igice z'igicamunsi, kuva ku wa Mbere kugera ku wa Kane, no guhera saa mbiri n'igice za mu gitondo kugera saa saba z'amanywa ku wa Gatanu, usibye ku minsi yemewe y'ikiruhuko yubahirizwa n'Umuryango w'Abibumbye Arusha. Inyandiko zishobora koherezwa hifashishijwe imeyiri ku isaha iyo ari yo yose no ku minsi yose.

C) Inyandiko zitanzwe mu masaha yemewe yo gutangiraho inyandiko zakirwa kandi zikohererezwa abo zigenewe ku munsi zakiriweho mu Biro bya Gerefiye wa IRMCT; naho izatanzwe kandi zikakirwa n'Ibiro bya Gerefiye nyuma y'amasaha y'akazi yemewe, zishyirwa muri dosiye kandi zikohererezwa abo zigenewe ku munsi w'akazi ukurikiyeho.

D) Iyo inyandiko zitanzwe nyuma y'amasaha yemewe yo gutangiraho inyandiko ku munsi wa nyuma w'akazi muri icyo cyumweru, cyangwa nyuma y'amasaha yemewe ku munsi ubanziriza umunsi w'ikiruhuko w'Umuryango w'Abibumbye, icyo gihe zigezwa ku bo zigenewe ku munsi w'akazi ukurikiyeho.

E) Iyo gushyikiriza inyandiko zatanzwe abo zigenewe mu bihe byavuzwe haruguru mu gika 4(c) bidashoboka, Ibiro bya Gerefiye bimenyesha bidatinze uruhande rwatanze iyo nyandiko ko iyo nyandiko izashyikirizwa abo igenewe itinze kandi ibyo Biro bigasobanura impamvu z'uko gukererwa.

F) Itariki inyandiko itangiweho ni itariki yakiriweho mu Biro bya Gerefiye nk'uko igaragara muri imeyiri yashyiriweho kwakira inyandiko zirebana n'imanza kuri buri shami rya IRMCT. Inyandiko izo ari zo zose zitanzwe mu buryo bwa eregitoroniki, hanyuma zikakirwa nyuma y'amasaha yemewe yo gutangiraho inyandiko, ariko mbere ya saa sita z'ijoro, ku isaha y'aho Ishami rya IRMCT izi nyandiko zireba riri, zifatwa nk'aho zatanzwe ku itariki zakiriweho iri kuri imeyiri yashyiriweho kwakira inyandiko zirebana n'imanza hatitawe ku kuba iyo nyandiko izohererezwa abo igenewe ku munsi w'akazi ukuriyeho.

G) Iyo inyandiko yatanzwe mu Biro bya Gerefiye yongeye gutangwa inyandiko y'umwimerere itarashyikirizwa abo igenewe, itariki n'isaha iyo nyandiko ifatwa ko yakiriweho ni isaha n'itariki iyo nyandiko yatanzweho bwa nyuma.

5. **Gusuzuma inyandiko zitangwa zerekeranye n'imanza no kumenya urwego rw'umutekano zirimo**:

A) Ingingo ya 8 (6) y'Amabwiriza Ngengamikorere iteganya ko  uruhande rutanga inyandiko ari rwo rufite inshingano yo kuvuga ko inyandiko runaka atari ibanga, ari ibanga cyangwa ari inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa. Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT bisuzuma gusa mu buryo bwihuse inyandiko byakiriye kandi bigakora ku buryo ibisabwa, mu rwego rwa tekiniki, kugira ngo inyandiko itangwe byubahirizwa. Iryo suzuma ntiriba rigamije kugenzura ibikubiye mu nyandiko kugira ngo harebwe niba irimo amakuru y'ibanga cyangwa amakuru y'ibanga kandi afite abo atagomba kumenyeshwa.

B) Inyandiko itanzwe igomba kugaragaza urwego rw'umutekano irimo. Inyandiko zirimo amakuru y'ibanga cyangwa amakuru y'ibanga kandi afite abo atagomba kumenyeshwa, zandikwaho amagambo akurikira, mu nyuguti nkuru, kandi hejuru y'umutwe w'iyo nyandiko, ku rupapuro rwayo rubanziriza izindi: "INYANDIKO Y'IBANGA", cyangwa "INYANDIKO Y'IBANGA KANDI IFITE ABO ITAGOMBA KUMENYESHWA." Inyandiko zitanzwe abantu bose bemerewe kuzigeraho zandikwaho aya magambo "INYANDIKO ITARI IBANGA" mu nyuguti nkuru, hejuru y'umutwe w'iyo nyandiko, ku rupapuro rubanziriza izindi. Urupapuro rubanziriza izindi rugaragaza ababuranyi iyo nyandiko igomba kohererezwa. Urwego rw'umutekano wayo rugomba kandi kwandikwa ku ifishi yabugenewe igaragaza ko iyo nyandiko yatanzwe.

C) Uruhande rutanze inyandiko rushobora guhitamo gutanga inyandiko y'ibanga n'inyandiko itari ibanga yasibwemo ibigomba kugirwa ibanga. Inyandiko itari ibanga yasibwemo ibigomba kugirwa ibanga yandikwaho amagambo akurikira, mu nyuguti nkuru, kandi hejuru y'umutwe w'iyo nyandiko, ku rupapuro rwayo rubanziriza izindi "INYANDIKO ITARI IBANGA YAKUWEMO IBIGOMBA KUGIRWA IBANGA"; iyi akaba ari inyandiko nshya itandukanye n'iya mbere. Umuntu wohereje inyandiko itari ibanga yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga akora ku buryo amakuru, aho bishoboka hose, yose y'ibanga aba yakuwe muri iyo nyandiko, hanyuma agasimbuzwa amagambo "HAKUWEMO IBIGOMBA KUGIRWA IBANGA" yanditse mu dukubo dusodetse.

D) Gusimbuza amakuru y'ibanga amagambo "HAKUWEMO IBIGOMBA KUGIRWA IBANGA" biramutse bidashoboka, uruhande rwatanze inyandiko rugomba gutanga inyandiko y'umwimerere yakuwemo ibintu bimwe na bimwe mu buryo bwa eregitoronike. Iyo nyandiko igomba gutangwa kandi ikakirwa nk'umugereka w'inyandiko imenyekanisha itangwa ry'inyandiko itari ibanga yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga cyangwa indi nyandiko iyo ari yo yose imenyekanisha itangwa ryayo.

E) Mu gutegura inyandiko y'umwimerere yakuwemo ibintu bimwe na bimwe mu buryo bwa eregitoroniki, uruhande rwatanze iyo nyandiko rugomba gukora ku buryo ibintu bimwe na bimwe byakuwemo mu buryo bwa eregitoronike

bidashobora kugarurwamo cyangwa ngo bibe byashakishwa mu buryo bwa eregitoronike.

F) Hashingiwe ku Ngingo ya 13 (1) y'Amabwiriza Ngengamikorere, inzego z'umutekano inyandiko zitanzwe zirimo zishobora guhindurwa gusa n'itegeko cyangwa icyemezo cy'Urugereko, icy'Umucamanza cyangwa icya Perezida. Iyo hatanzwe itegeko cyangwa hafashwe icyemezo cyo guhindura urwego rw'umutekano inyandiko yatanzwe irimo, Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT bihita bihindura urwego rw'umutekano iyo nyandiko irimo maze bikongera kuyiha abo igenewe hakurikijwe urwego rushya yashyizwemo. Ingingo ya 13 (2) na 13 (3) y'Amabwiriza Ngengamikorere iteganya amarengayobora kuri iri hame.

G) Iyo, nyuma yaho, Urugereko cyangwa Umucamanza, Perezida, ababuranyi cyangwa Ibiro bya Gerefiye birebwa n'ikibazo bigaragaje ko hatahuwe ibibazo by'umutekano ku nyandiko yatanzwe itari ibanga, Ibiro bya Gerefiye bishobora, bishingiye ku Ngingo ya 13(1) y'Amabwiriza Ngengamikorere, gukura iyo nyandiko, mu gihe gito, mu nyandiko zitari ibanga kugeza igihe hazafatirwa icyemezo cy'urukiko kuri icyo kibazo.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT